Rwamagana, kuwa 12 JUL 2019
N° 330 /07.05.01

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

NGOMA DISTRICT
CENTRAL SECRETARIAT
RECEIVED ON: 15/7/2019
REFERENCE:
SIGNATURE:

Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma
**NGOMA**

**Impamvu: Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 28/06/2019**

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira mbamenyesha ko imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 28/06/2019 yangezeho kuwa 09/07/2019.

Nshingiye ku ngingo yari ku murongo w'ibyigwa n'imyanzuro mwafashe, ndasaba ko mutangira kubishyirwa mu bikorwa.

Mugire imirimo myiza.

**MUFULUKYE Fred**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**BIMENYESHEJWE:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma;
  **NGOMA**

Ngoma, kuwa 08 / 07 /2019

No Ref.NJY/ 083 /07.05.06

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA NGOMA

INAMA NJYANAMA

Email: discouncilngoma@yahoo.fr

Eastern Province
For reception
Date 08 JUL 2019
Signature

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza Imyanzuro y' inama isanzwe y' Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 28 Kamena 2019.

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbohereze ku mugereka w' iyi baruwa Imyanzuro y' inama isanzwe y' Inama Njyanama y 'Akarere ka Ngoma yo kuwa 28 Kamena 2019.

Mbaye mbashimiye uburyo muyakiriye.

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w' Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

**Bimenyeshejwe**:

-Bwana Minisitiri w' Ubutegetsi bw' Igihugu / **KIGALI**

-Bwana Umuyobozi w' Akarere ka Ngoma.

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

**INAMA NJYANAMA**

**Email: discouncilngoma@yahoo.fr**

# IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 28/06/2019: IGIHEMBWE CYA KANE 2018-2019

Kuwa gatanu tariki ya **28 Kamena 2019**, Inama Njyanama y' Akarere ka Ngoma yarateranye mu nama yayo isanzwe, iteranira mu cyumba cy' inama cy' Akarere, iyobowe na Visi Perezida wayo **Bwana KANOBANA Mathusalem**.Inama yatangiye imirimo yayo i saa tatu n' iminota icumi (09h10) za mu gitondo, yitabirwa n' Abajyanama 19 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

Abajyanama basabye impushya ni aba bakurikira :

1. BANAMWANA Bernard
2. MUSABWASONI M. G. Sandra
3. HAKIZIMANA Augustin
4. UWINGABIRE Fausca
5. NAMBAJE Aphrodise
6. MBARANGA Eudence Gervais
7. MUKANKUNZI Pelagie
8. NAMANYA William
9. MUSONERA Euphre
10. MUGISHA Narcisse

Inama yitabiriwe kandi n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'akarere ka Ngoma

Mu ijambo rye atangiza inama, Visi Perezida w' Inama Njyanama y'Akerere ka Ngoma, yahaye ikaze abitabiriye inama abifuriza kugira inama nziza batanga ibitekerezo byiza

**Ku murongo w'ibyigwa mu nama hari :**

1. Kurebera hamwe aho ingengo y' Imali y'umwaka wa 2018-2019 igeze ishyirwa mubikorwa.
2. Kwemeza ibipimo by` imisoro n` amahoro n' urutonde rw'abasora ruzifashishwa mu mwaka wa 2019-2020
3. Kwemeza umushinga w'Ingengo y'Imali umwaka 2019-2020 n'Ibikorwa by'Iterambere izakoreshwamo
4. Kwemeza Igenamigambi kw' itangwa ry' amasokomu mwaka wa 2019-2020
5. Kwemeza gusiba imyenda mu bitabo by' icungamutungo by' akarere ka Ngoma
6. Kurebera hamwe amasezerano y' ubufatanye mu gucunga Gare hagati y' Akarere ka Ngoma na JALI HOLDING.
7. Kurebera hamwe amasezerano yo gucunga Hotel hagati y'Akarere ka Ngoma na Rwiyemezamirimo.
8. Gusuzuma aho akarere kazavana amafaranga y' inyongera k'umushahara (top up) ya 12% k' umushahara w' abakozi b'Akarere.
9. Gusuzuma ikibazo cy' amarimbi aherereye muri Kibungo
10. Gusuzuma raporo y'ibyavuye mu ma komisiyo bikigirwa mu nama y'Abaperezida

**INGINGO YA MBERE: Kurebera hamwe aho Ingengo y' Imali y' umwaka wa 2018-2019 igeze ishyirwa mubikorwa.**

Umugenga w'Ingengo y' Imali mu karere yagaragarije abagize Inama Njyanama ko Ingengo y' Imali mu mwaka 2018-2019 yakoreshejwe ku kigero cya 94% , naho 6%asigaye agizwe n' amafaranga akarere katohererejwe n'abagombaga kuyatanga hamwe n'ayagombaga kwishyurwa ba Rwiyemezamirimo ku mirimo itararangira.

**Umwanzuro wa 1** :

Nyuma yo kugaragarizwa uko Ingengo y'Imali ya 2018-2019 yakoreshejwe ; abari mu nama barayemeje.

**INGINGO YA KABIRI: Kwemeza ibipimo by'Imisoro n'Amahoro n' Urutonde rw'Abasora ruzifashishwa mu mwaka wa 2019-2020.**

- Abajyanama mu Nama Njyanama y'Akarere bunguranye ibitekerezo ku bipimo by'imisoro n'amahoro byahindutse ugereranyije n'ibyifashishwaga umwaka ushize wa 2018-2019, cyane cyane kubyerekeranye n'amande acibwa abakoze amakosa mu nzego z' ibanze.

- Abajyanama kandi bunguranye ibitekerezo kurutonde rw‘ abasora ruzifashishwa mu mwaka wa 2019-2020.

**Umwanzuro wa 2**:

- Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku bipimo byerecyeranye n’ amande acibwa abakoze amakosa mu nzego z’ ibanze Abajyanama bemeje amande mu buryo bukurikira :

| NO | Ikosa | Amande |
|---|---|---|
| 1 | Gupfunyika ibicuruzwa mu mpapuro zitabugenewe | 3,000frws .<br>Insubiracyaha 10,000frws |
| 2 | Kuvanga ibicuruzwa | 10,000frws<br>Insubiracyaha 50,000frws |
| 3 | Gucuruza ibicuruzwa byarengeje igihe | 50,000frws |

**INGINGO YA GATATU:Kwemeza Umushinga w’ Ingengo y’imali y’umwaka 2019-2020 n’Ibikorwa by’Iterambere izakoreshwamo**

**Umwanzuro wa 3:**

Abajyanama mu nama Njyanama y’Akarere bamaze kunva ibisobanuro birambuye byatanzwe n‘ Umugenga w‘ Ingengo y‘ Imali, bize ingingo ku yindi maze bemeza Ingengo y‘ Imali ingana na Miliyali cumi n’umunani na Miliyoni ijana na mirongo icyenda n’eshatu n‘ Ibihumbi magana inani mirongo itandatu na bibiri n‘ amafaranga magana abiri mirongo itatu n‘ abiri.**(18,193,862,232 frws)** . Aya mafaranga akaba azaturuka mu byicirobigabanyije mu buryo bukurikira :

- Amafaranga yinjizwa n‘ akarere aturutse mu misoro n’amahoro, angana na Miliyari imwe na Miliyoni magana atatu na makumyabiri n’imwe Ibihumbi magana atanu na mirongo inani n’icyenda n’amafaranga Magana atatu na makumyabiri na atanu (**1,321,589,325 frws)**;
- Amafaranga y‘ inkunga z‘ubutegetsi bwite bwa Leta, angana na Miliyari cumi n’eshanu na Miliyoni magana abiri na mirongo itanu n’enye Ibihumbi magana ane na mirongo inani n’icyenda n’amafaranga magana abiri na mirongo irindwi n’arindwi (**15,254,489,277 frws)**;

- Amafaranga akomoka ku nkunga ziva mu bigo bya Leta, angana na Miliyari imwe na Miliyoni magana atandatu na cumi zirindwi n'ibihumbi magana arindwi na mirongo inani na bitatu n'amafaranga magana atandatu na mirongo itatu **(1,617,783,630 frws)**

**INGINGO YA KANE: Kwemeza igenamigambi kw' itangwa ry' amasoko.**

Abajyanama mu Nama Njyanama y'Akarere bagaragarijwe urutonde rw' amasoko azatangwa n'akarere mu mwaka w'Ingengo y'Imali 2019-2020 uko ari mirongo itandatu (60) ; bayunguranaho ibitekerezo.

**Umwanzuro wa 4:**

Inama Njyanama y'Akarere imaze kungurana ibitekezo ku Igenamigambi ry'amasoko yose uko ari 60 ; nk' uko agabanyije mu byiciro bitatu (3) aribyo: amasoko cumi n'atandatu (16) y'Ibigemurwa ; amasoko makumyabiri n' icyenda (29) y'Imirimo n'amasoko makumyabiri n'abiri (22) ya Serivisi ; yarayemeje.

**INGINGO YA GATANU:Kwemeza gusiba Imyenda mu bitabo by Icungamutungoby' Akarere ka Ngoma**

Abajyanama mu Nama Njyanama y'Akarere bagaragarijwe urutonde rw' imyenda akarere gasaba ko yasibwa mubitabo by'icungamutungo byako, ihwanye na Miliyoni zirindwi n'ibihumbi magana inanina bibiri n' amafaranga magana atandatu mirongo itandatu n'ane (7,802,664frws).

**Umwanzuro wa 5:**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo , Abajyanama bemeje ko iyi myenda isibwa mu bitabo by' icungamutungo by' Akarere ka Ngoma.

**INGINGO YA GATANDATU :Kurebera hamwe Amasezerano y' Ubufatanye mu gucunga Gare hagati y' Akarere ka Ngoma na JALI HOLDING.**

Abajyanama mu Nama Njyanama y'Akarere bagejejweho amasezerano y'ubufatanye mu gucunga Gare hagati y'Akarere ka Ngoma na JALI HOLDING maze bayakorera ubugororangingo.

**Umwanzuro wa 6:**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo no gukora ubugororangingo ku amasezerano y' ubufatanye mu gucunga Gare hagati y' Akarere ka Ngoma na JALI HOLDING Inama Njyanama y'Akarere yarayemeje



NBS Chu

**INGINGO YA KARINDWI:Kurebera hamwe amasezerano yo gucunga Hotel hagati y‘ Akarere ka Ngoma na Rwiyemezamirimo MUVUNYI Paul**

Abajyanama mu Nama Njyanama y‘ Akarere bagejejweho amasezerano yo gucunga Hotel hagati y‘ Akarere ka Ngoma na Rwiyemezamirimowitwa MUVUNYI Paul maze bayakorera ubugororangingo.

**Umwanzuro wa 7:**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo no gukora ubugororangingo ku amasezerano yo gucunga Hotel hagati y‘ Akarere ka Ngoma na Rwiyemezamirimo Muvunyi Paul , Inama Njyanama y’Akarere yarayemeje.

**INGINGO YA MUNANI:Gusuzuma aho akarere kazavana amafaranga y‘ inyongera kumushahara (top up) ya 12% kumushahara w‘ abakozi b‘ akarere**

Umugenga w’Ingengo y‘ Imali y‘ Akarere yagaragarije Abajyanama mu Nama Njyanama y’Akarere, aho akarere kazavana amafaranga y‘inyongera kumushahara (top up) ya 12% ; kumushahara w‘ abakozi b‘Akarere, hashingiwe ku mpanvu zikurikira:

1. ***Kuba amafaranga akarere kinjiza ( District own revenues) yaragiye yiyongera buri mwaka w’ingengo y’imali nk’uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:***

| Financial year | Amafaranga yabonetse |
|---|---|
| 2016-2017 | 859,950,723 |
| 2017-2018 | 1,008,754,735 |
| 2018-2019 | 1,140,987,048 |
| 2019-2020 | 1,321,589,325 |

2. ***Kuba amafaranga y'imishahara atangwa na Leta (block grant) nayo yariyongereye nk'uko bigaragara :***

| Block grant per FY | Amafaranga yabonetse |
|---|---|
| 2016-2017 | 1,764,712,373 |
| 2017-2018 | 1,983,906,574 |
| 2018-2019 | 1,839,044,315 |
| 2019-2020 | 2,093,737,926 |

3. ***Kuba kugeza ubu abakozi b'Akarere ari 463, haburaho abakozi 26 gusa*** . Aba bakozi bahembwa amafaranga angana na Miliyari imwe na Miliyoni Magana inani na eshanu n'Ibihumbi Magana abili na mirongo ine n'umunani n'amafaranga Magana atandatu na mirongo inani (1,805,248,680 frw ) ku mwaka .Akarere kazasagura amafaranga agera kuri Miliyoni Magana abili na mirongo inani n'umunani Ibihumbi Magana ane na mirongo inani n'icyenda n'amafaranga Magana abili na mirongo ine n'atabdatu ( 288,489,246 frw ) ku mwaka. Aya akazakoreshwa huzuzwa imyanya iburamo abakozi uko ari 26.
4. ***Izindi mpanvu Akarere ka Ngoma gashingiraho gasaba kuzamura umushahara w'Abakozi:***

a. Kuba Kugeza ubu Akarere gafite uboshobozi bwo guhemba abakozi bose bari kumbonerahamwe y'umurimo kahemba hiyongereyeho top up ya 12%

b. Kongera Motivation ndetse no kugabanya turnover y'abakozi b'Akarere bimukira mutundi turere bakurikiye umushahara urihejuru.

c. Bizatuma kandi Akarere gashobora kugumana *retention* abakozi beza gafite ndetse no kuba karambagiza abandi bakozi bafite ubushobozi n'ubumenyi bwihariye bari ahandi.



NBS Clm

d. Hashingiwe uko Uturere 30 tugize Igihugu nk'uko mubibona ku mbonerahamwe, biragaragara ko Akarere ka Ngoma ariko kari ku mwanya wa nyuma ku bijyanye na top up ihabwa Abakozi kuko kari kuri 18%.

**Ikigereranyo kigaragaza uko imishahara iteye mu turere**

| Uturere | Top up( %) |
|---|---|
| Ngoma | 18 |
| Uturere 9 | 20 |
| Uturere 3 | 25 |
| Uturere 17 | 30 |

**Umwanzuro wa 8:**

Inama Njyanama yasesengura inkomoko y'aho akarere kazavana amafaranga y'inyongera kumushahara

(top up) ya 12% ku mushahara w' abakozi b'akarere basanga amafaranga yo guhemba abakozi bose bari kumbonerahamwe y' umurimo hiyongeyeho top up ya 12% kumushahara ahari nkuko byagaragajwe hejuru

ıama Njyanama yemeje ko abakozi b' abakarere bahabwa top up ingana 12% y' inyongera ku mushahara.

Inama Njyanama yemeje kandi ko iyi top up ya 12% y' inyongera ku mushahara w' abakozi b' Akarere itangira gutangwa guhera Nyakanga (7) umwaka w' ingengo y' imali 2019-2020.

**INGINGO YA CYENDA:Gusuzuma ikibazo cy' amarimbi aherereye muri Kibungo**

Abajyanama mu Nama Njyanama y'Akarere bamaze gusuzuma ikibazo cy'abaturage bakomeje gushyingura mu marimbi atemewe cyane cyane mu murenge wa Kibungo, aho hari abaturage bagikoresha irimbi ryo kwa Padiri kandi bitemewe kuko ari mu

mujyi rwagati, bikaba bibangamiye ishyirwamubikorwa ry' igishushanyo mbonera cy'umujyi wa Ngoma .

**Umwanzuro wa 9 :**

Inama Njyanama Njyanama y'Akarere yemeje ko irimbi rya Paruwasi ya Kibungo riherereye mu mu murenge wa kibungo ritemewe kongera gushyingurwamo.

Inama Njyanama kandi yemeje ko abaturage bose mu mirenge yose igize akarere ka Ngoma bagomba kujya bashyingura mu marimbi rusange yemewe bitabangamiye ibiteganywa n' amategeko

**INGINGO YA CUMI : Amabaruwa yandikiwe Inama Njyanama y'Akarere**

| SN | Ingingo | Imiterere y'ikibazo n'ibitekerezo byatanzwe | Umwanzuro |
|---|---|---|---|
| | Amabaruwa y'abandikiwe Inama NJyanama . | a. Ibaruwa **NTARWUNGUKO Emmanuel** utuye mu Murenge wa Rukumberi yanditse asaba kurenganurwa. Yasobanuye ko yarafite isambu ebyiri ziri mu Kagali ka Gituza zose zikaba zarasaranyijwe ari muri gereza ntiyasigirwa aho gutura cyangwa guhinga. Hashingiwe kuri raporo y'itsinda ryagiye gusuzuma iki kibazo; byagaragaye ko uyu **NTARWUNGUKO Emmanuel** amasambu ye yose yasaranganyijwe yose ntiyasigirwa aho guhinga no gutura | Inama imaze gusuzuma i yemeje ko **NTARWUNGUKO Emmanuel y**ashakirwa aho gutura kuko ntaho afite amasambu ye yose yarasaranganyijwe. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | b. **NDAHIRO JOSEPH** utuye mu Murenge wa KAZO yandikiye Inama Njyanama asanaba ubutaka bwo kubaka ubuhunikiro. Itsinda ryagiye gusuzuma busabe ryasanze ubwo butaka asaba bufatanye n' akagali. | Inama imaze gusuuma raporo y'itsinda ryagiyeyo yemejeko **NDAHIRO Joseph** adahabwa ubwo butaka kuko Akagali kazabwagukiramo. |
| | | **c.** Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma yandikiye Inama Njyanama asaba kwemeza abazatura muri IDP Moddel mu murenge wa KAZO | Inama imaze gusesengura raporo yabagiye gusura no kwemeza abatuzwa muri IDP Moddel mu murenge wa KAZO<br><br>Imaze gusuzuma ibyashingiweho kugirango abo bantu batoranywe igasanga byuzuye yemeje urwo rutonde |
| 5. | | d. Kwemeza Uburyo amafaranga y'ingendo y'abakozi ku rwego rw'umurenge n'akagari yajya yishyurirwa kurwego rw'akarere | -Abari mu nama bamaze kwiga kuri iki kibazo bemeje ko abakozi bo kurwego rw'umurenge n'akagari batumiwe mu nama bafite ubutumire bwasinywe n'umuyobozi w'Akarere amafaranga y'ubutumwa bazajya bayishyurirwa ku rwego |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | | rw'Akarere. |
| | | e. Kwemeza Insimburamubyizi yajya ihabwa Ibyiciro byihariye(Abahagarariye Inama nkuru y'Urubyiruko, Abagore n' Abafite Ubumuga) mu gihe habaye inama zibahuza ziteganyijwe n'Amategeko. | -Mugihe abahagarariye ibyiciro byihariye bitabiriy inama zabo ziteganywa n'amategeko,zibera ku mirenge , bazajya bahabw insimburamubyizi ingana n'ihabwa Umujyanama w'Umurenge.<br><br>Izo nsimburamubyizi zikazajya zitangwa n'urwego rw'umurenge. |
| | | f. Kwiga ku kibazo cy'inama nyinshi zitumirwamo abakozi b'imirenge n'utugari ku karere bityo bikagira ingaruka ku mitangire ya Serivisi. | -Abari mu nama nyuma y gusesengura iki kibazo bemeje ko ubuyobozi bw'Akarere bwajya bukoreshaInama hagendewe ku mazone bagahuza imirenge yegeranye. |

nama yashoje imirimo yayo saa munani z'umugoroba(02:00pm).

**Bikorewe i Ngoma kuwa 29 Werurwe 2019.**

**Umwanditsi w'Inama**

**MUKANKURANGA Beatrice**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

y'Akarere ka Ngoma

**Umuyobozi w'Inama**

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama

y' Akarere ka Ngoma

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA NGOMA

**ABAJYANAMA B'AKARERE KA NGOMA BITABIRIYE INAMA YAYO ISANZWE YO KUWA 28/06/2019**

| No | AMAZINA | UMURENGE | TEL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 17 | KIMENYI Martin | KAZO | 0788840461 | [signature] |
| 18 | RWIRIRIZA J.M.V | RUKIRA | 0788522524 | [signature] |
| 19 | KAMANZI John | MUTENDELI | 0788643526 | [signature] |
| 20. | ISINGIZWE Aline | Rurenge | 0788387829 | [signature] |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA NGOMA

**ABAJYANAMA B'AKARERE KA NGOMA BITABIRIYE INAMA YAYO ISANZWE YO KUWA 28/06/2019**

| No | AMAZINA | UMURENGE | TEL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | KANOBANA [illegible] | SAKE | 0788[illegible] | [signature] |
| 2. | Mukankuranga Béatrice | Kibungo | 0788457849 | [signature] |
| 3- | GASANA Jean de Dieu | MURAMA | 0788524525 | [signature] |
| 4. | Habakurama Oreste | Kibungo | 0788590033 | [signature] |
| 5 | KABANYANA Candide | Rukumberi | 0783338779 | [signature] |
| 6 | Fawatha KALIRE? | Karembo | 0788770827 | [signature] |
| 7 | Muligo Ladislas | Karembo | 0788665751 | [signature] |
| 8 | MUGIRANEZA E. Thierry | Rurenge | 0788430785 | [signature] |
| 9. | MUKANDANGA Marie | JARAMA | 0783341022 | [signature] |
| 10 | RUKUNDO Oralain | Gashanda | 0788514139 | [signature] |
| 11 | SINAYOBYE [illegible] | Murama | 078[illegible] | [signature] |
| 12 | UMUHIRE Marie Providence | SAKE | 0788630377 | [signature] |
| 13 | UWIRAYA Florence | KAZO | 07[illegible] | [signature] |
| 14. | KIRENGA Providence | KAZO | 0788562953 | [signature] |
| 15 | ~~MASKA~~MARUTESI Chantal | KIBUNGO | 0788467993 | [signature] |
| 16 | ~~ISINGIZWE Aline~~ | | | |